Republic
of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA




# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2026

**10 NZERI 2026**

*NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Imeyili: info@statistics.gov.rw*

*Urubuga: www.statistics.gov.rw*

*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*

*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.*

# 1 IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## 1.1. Ibiciro mu mijyi

Muri Kanama 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 15,7% ugereranyije na Kanama 2025. Muri Nyakanga 2026 byari byiyongereyeho 14,5%.

Muri Kanama 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 16,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 20,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 24,2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 15,6%.

Ugereranyije Kanama 2026 na Nyakanga 2026, ibiciro byiyongereyeho 1,8%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,7%.

Ugereranyije Kanama 2026 na Kanama 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 11,5%.

## 1.2. Ibiciro mu byaro

Muri Kanama 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 16% ugereranyije na Kanama 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2026 byari byiyongereyeho 13,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Kanama 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 16,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 7,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 38,8%.

Ugereranyije Kanama 2026 na Kanama 2026, ibiciro byiyongereyeho 3,1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5%.

## 1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Kanama 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 15,9% ugereranyije na Kanama 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2026 byari byiyongereyeho 13,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Kanama 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 16,7%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 8,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 27,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 13,7%.

Ugereranyije Kanama 2026 na Nyakanga 2026, ibiciro byiyongereyeho 2,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,6%.

***Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2025 kugeza muri Kanama 2026.***

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2025 | | | | | 2026 | | | | | | | |
| | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 |
| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 | 9,2 | 9,2 | 13,0 | 12,9 | 13,6 | 14,5 | 15,7 |
| Mu byaro | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 | 7,0 | 6,7 | 10,6 | 11,8 | 12,1 | 13,3 | 16,0 |
| Mu Rwanda | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 | 7,9 | 7,7 | 11,5 | 12,3 | 12,7 | 13,8 | 15,9 |
| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 | 0,9 | 1,3 | 4,7 | 0,5 | 0,4 | 0,9 | 1,8 |
| Mu byaro | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 | 1,4 | 1,9 | 6,8 | 0,7 | 0,4 | -0,2 | 3,1 |
| Mu Rwanda | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 | 1,2 | 1,7 | 5,9 | 0,6 | 0,4 | 0,3 | 2,6 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw